

RWANDA / JUDGMENT

ACOADI Ltd v. LETA Y’U RWANDA (MINAGRI/LWH/RSSP) RS/INJUST/RCOM 00012/2024/SC

COURT

Supreme Court

DECIDED

19 December 2025

CASE / FILE NUMBER

RS/INJUST/RCOM 00012/2024/SC

Source: amategeko.gov.rw · Research copy typeset by Esheria. Not court-issued or certified.

ACOADI Ltd v. LETA Y’U RWANDA (MINAGRI/LWH/RSSP)

- Source: Amategeko
- Section: Decisions (Judgements)
- Date: 2025-12-19
- Case/document no.: RS/INJUST/RCOM 00012/2024/SC
- Collection: Supreme Court

Text

Page 1

ACOADI Ltd v. LETA Y’U RWANDA (MINAGRI/LWH/RSSP)

[Rwanda URUKIKO RW’IKIRENGA – RS/INJUST/RCOM 00012/2024/SC (Hitiyaremye, P.J., Kazungu, Cyanzayire J.) 19 Ukuboza 2025] Amategeko agenga imiburanishirize y’imanza – Akarengane – Kwakira ikirego – Res judicata – Umuburanyi ntiyagarura ikirego cyafashweho icyemezo cyabaye ndakuka mu rukiko rwaruciye, ku mpamvu zimwe no kubaburanyi bamwe ashingiye ku ngingo y’amategeko atari yaburanishije mu kindi kirego cyafashweho icyemezo mu gihe impamvu y’icyo kirego n’imiterere y’ikibazo byari biriho kandi bitahindutse igihe cyo kugitanga. Icyo kirego nticyakirwa n’urukiko rwaregewe kuko ari ngombwa ko urega agaragaza ingingo zose abona ko zashyigikira ikirego cye agitangira urubanza rwa mbere. Incamake y’ikibazo: Sosiyete ACOADI Ltd ivuga ko yahawe isoko ryo kugemura ifumbire n’umushinga wo muri MINAGRI witwa UNIT/ LWH/ RSSP, ariko ko itishyuwe amafaranga yose yakoreye, kuko hasigaye amafaranga angana na 162.697.411Frw. Nyuma yaho, Sosiyete ACOADI Ltd yareze MINAGRI mu Rukiko rw’Ubucuruzi isaba kwishyurwa 88.071.023Frw, ariko mu miburanire yayo

muri uru rukiko ivuga ko habayeho kwibeshya mu mibare, bituma aregera kwishyurwa 88.071.023Frw aho kuregera kwishyurwa 162.697.411Frw. Urukiko rw'Ubucuruzi rwemeje ko ikirego cyayo nta shingiro kubwo kubura ibimenyetso by'ibyo iregera, isaba nanone ko urubanza rusubirishwamo ingingo nshya, Urukiko rwemeza ko ikirego kitakiriwe, yandikkira na president w'Urukiko Rukuru isaba yuko rwasubirishwamo ku mpamvu z'akarengane, urukiko rwemeza ko nta karengane. Nyuma y'izo manza zose, ACOADI Ltd yatanze ikindi kirego mu Rukiko rw'Ubucuruzi, irega nanone (MINAGRI / LWH / RSSP) umwenda ungana na 162.697.411Frw, ivuga ko mu kirego cya mbere habayeho kwibeshya ku mibare aho kuregera 162.697.411Frw, haregewe 88.071.023Frw. Leta y'u Rwanda (MINAGRI / LWH / RSSP) yatanze inzitizi yo kutakira icyo kirego, ivuga ko cyamaze kuburanishwa, ku kiburanwa kimwe, ababuranyi bamwe, kandi icyemezo kikaba cyarabaye itegeko. Urukiko rwemeje ko inzitizi yo kutakira ikirego ifite ishingiro, maze rwemeza ko ikiburanwa muri uru rubanza cyaburanyweho, kikaba kitakongera kuburanishwa bundi bushya, kuko ingano y'umwenda itandukanye mu manza zombi ari agaciro k'ikiburanwa atari ikiburanwa. ACOADI Ltd yajuriye mu Rukiko Rukuru rw'Ubucuruzi ivuga ko ikirego cyayo cyagombaga kwakirwa, kuko icyaregerwaga kitigeze kuburanishwa ngo gifatweho icyemezo. Uru Rukiko rwemeje ko ubujurire budafite ishingiro kuko iki kirego cyashyikirije Urukiko rw'Ubucuruzi mu rubanza rujuririrwa cyaburanishijwe ku mpamvu zimwe, ku kiburanwa kimwe, hagati y'ababuranyi bamwe baburana ikirego kimwe kuko mu manza za mbere mu nkiko

Page 2

z'ubucuruzi yaregeye hamwe yaregeye iregera umwenda ungana na 162.697.411Frw, ahandi aregera 88.071.023, kuko ingano y'umwenda itandukanye mu manza zombi ari agaciro k'ikiburanwa atari ikiburanwa. Nyuma y'icibwa ry'urwo rubanza, ACOADI Ltd yandikiye Perezida w'Urukiko rw'Ubujurire isaba ko urubanza RCOMA 00532/2023/HCC, rwaciwe n'Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi ku wa 26/07/2024, rwasubirwamo ku mpamvu z'akarengane, ku mpamvu yuko inkiko zibanza zirengagije ko umwenda ungana na 162.687.411 Frw ari ubwa mbere uregewe, kuko habayeho kwitiranya imyenda, aho yibeshye maze aregera kwishyurwa umwenda wa 88.071.023 Frw aho kuba uwa 162.967.411Frw. Leta y'u Rwanda (MINAGRI / LWH / RSSP) yatanze inzitizi yo kutakira icyo kirego, kubera ko cyamaze kuburanishwa, ku kiburanwa kimwe, ababuranyi bamwe, kandi icyemezo kikaba cyarabaye itegeko. Isobanura ko uretse guhindura ingano y'umwenda, iki kirego ntaho gitandukaniye n'icya mbere, ivuga ko izo manza zose zaciwe n'Urukiko rw'Ubucuruzi zikaba zigize icyitwa ihame rya res judicata, abishingiye ku murongo watanze kuri iri hame uvuga ku kutongera kuburanisha urubanza rwaciwe bwa nyuma ku baburanyi bamwe no ku kiburanwa kimwe, bityo ko ikirego kidashobora kwakirwa ngo gisuzumwe mu mizi yacyo. Ikibazo cyasuzumwe muri uru rubanza n'icyo kumenya niba ikirego cya ACOADI Ltd kitaragombaga kwakirwa, bitewe n'uko ikiburanwa cyari cyaramaze gucibwaho urubanza ku rwego rwa nyuma, hagati y'abubanyi bamwe no ku mpamvu zimwe. Incamake y'icyemezo: Umuburanyi ntiyagarura ikirego cyafashweho icyemezo cyabaye ndakuka mu rukiko rwaruciye, ku mpamvu zimwe no kubaburanyi bamwe ashingiye ku ngingo y'amategeko atari yaburanishije mu kindi kirego cyafashweho icyemezo mu gihe impamvu y'icyo kirego n'imiterere y'ikibazo byari biriho kandi bitahindutse igihe cyo kugitanga. Icyo kirego nticyakirwa n'urukiko

rwaregewe kuko ari ngombwa ko urega agaragaza ingingo zose abona ko zashyigikira ikirego cye agitangira urubanza rwa mbere.

Ikirego cyo gusubirishamo urubanza ku mpamvu z'akarengane nta shingiro gifite; Imikirize y'urubanza RCOMA 00532/2023/HCC rwaciwe n'Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi ku wa 26/07/2024, idahindutse. Amategako yashingiweho: Itegeko N 22/2018 ryo ku wa 29/04/2018 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi, ingingo ya 14. Imanza zifashishijwe: Urubanza RAD 00001/2019/SC, rwa Kabango na Leta y'u Rwanda, rwaciwe n'Urukiko rw'Ikirenga ku wa 31/05/2019.

Page 3

Urubanza I. IMITERERE Y'URUBANZA [1] ACOADI Ltd yaburanye na Leta y'u Rwanda (MINAGRI) imanza zitandukanye, iyirega umwenda ungana na 88.071.023Frw, uhwanye n'ifumbire ivuga ko yatanze mu mushinga LWH/RSSP wa MINAGRI, kuri Site ya Gatsibo na Rwamagana. [2] ACOADI Ltd isobanura ko yitabiriye ipiganwa ry'isoko ryo kugemura ifumbire mu buryo bwa Open Tender, maze ku wa 22/02/2013, umushinga Single Project Implementation UNIT/ LWH/ RSSP ugahitamo kuyiha isoko mu buryo bwa Community Procurement, igomba kugemura ifumbire kuri site ya Gatsibo n'ya Rwamagana. Ivuga ko muri rusange yagemuye toni ibihumbi bine na magana inani mirongo inani n'ibiro ijana na makumyabiri na bitatu (4.880,123 Kg) muri saison A na Saison B 2013. Ivuga kandi ko iri soko yarikoze nkuko byari biteganyijwe, yubahiriza inshingano zayo kugeza muri Gicurasi 2013, ariko kugera uyu munsu ikaba itarahabwa amafaranga yasigaye ku yo yishyuwe. [3] ACOADI Ltd isobanura ko yishyuwe 120.541.123 Frw, hagasigara 162.697.411Frw; ikaba yatanze ikirego cyahawe RCOM 00368/2016/TC/NYGE igamije kwishyuza ayasigaye, ariko uwagitanze akibeshya mu mibare, akaregera 88.071.023 Frw. [4] Imanza kuri icyo kirego zaciwe ku buryo bukurikira:

- a) Mu rubanza RCOM 00368/2016/TC/NYGE rwaciwe ku wa 23/06/2016, Urukiko rw'Ubucuruzi rwa Nyarugenge rwemeje ko ACOADI Ltd itsinzwe no kubura ibimenyetso by'ibyo iregera, ko nta kimenyetso yerekanye cyemeza ko MINAGRI yayihaye isoko ryo kugemura ifumbire muri site ya Rwamagana n'ya Gatsibo, yaba amasezerano cyangwa inyandiko isaba kugemura iyo fumbire. Urukiko rwasanze kandi umwenda uregerwa ari igice cyasigaye ku mwenda wishyuwe n'abaturage, kandi nta bimenyetso bigaragaza ko MINAGRI yabayeho umwishingizi mu bwishyu bw'uwo mwenda ku buryo abo baturage baramutse batishyuye umwenda wose yabishyurira, ndetse ko nta n'ibimenyetso bigaragaza ko abo baturage bishyuriraga MINAGRI kuri ubwo bwishyu bwabaye. b) ACOADI Ltd yasubirishijemo ingingo nshya urwo rubanza RCOM 00368/2016/TC/NYGE. Mu rubanza RCOM 02643/2019/TC rwaciwe ku wa 08/05/2020, Urukiko rw'Ubucuruzi rwemeje ko ikirego cya ACOADI Ltd kitakiriwe.
- c) Ku wa 29/05/2020, ACOADI Ltd yandikiye Perezida w'Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi, isaba gusubirishamo ku mpamvu z'akarengane urubanza RCOM 00368/2016/TC/NYGE n'urubanza RCOM 02643/2019/TC; ariko isubizwa ko nta karengane kagaragara muri izo manza.

- d) Nyuma y'icyo gisubizo, ku wa 13/11/2020, ACOADI Ltd yandikiye Urwego rw'Umuvunyi isaba nanone ko izo manza zivuzwe haruguru zasubirwamo ku mpamvu z'akarengane. Urwego rwego rwasuzumye urubanza rumwe RCOM 00368/2016/TC/NYGE kuko rwasanze ari rwo rwaciwe mu mizi. Nyuma yo kurusesengura, Urwego rw'Umuvunyi rwemeje ko urwo rubanza rudakwiye gusabirwa gusubirwamo ku mpamvu z'akarengane.

Page 4

- e) Nyuma y'ibyo birego bibiri by'akarengane, nanone ACOADI Ltd yasubirishijemo ingingo nshya urubanza RCOM 00368/2016/TC/NYGE rwaciwe ku wa 23/06/2016, ivuga ko ikimenyetso gishya kigizwe n'inyandiko yo ku wa 03/03/2022 yanditswe n'ubuyobozi bw'amwe mu matsinda yagemuriwe kandi yakiriye ifumbire ya ACOADI Ltd, ari yo Duteraninkunga Gahengeri, Twuzuzanye Muyumbo n'Abahuzumugambi Nyakariro. Ikindi kimenyetso gishya cyari urubanza RCOMAA 00026/2021/CA rwaciwe n'Urukiko rw'Ubujurire, aho VRG Ltd yaburanaga na Leta y'u Rwanda ikibazo ACOADI Ltd ivuga ko gisa n'icyayo, Urukiko rugategeka ko yishyurwa n'ubwo nta masezerano ahari.
- f) Mu rubanza RCOM 00363/2022/TC rwaciwe ku wa 13/05/2022, Urukiko rw'Ubucuruzi rwemeje ko urubanza RCOMAA 00026/2021/CA rwaciwe n'Urukiko rw'Ubujurire ku wa 22/10/2021, ari ikimenyetso kigize ingingo nshya gituma urubanza RCOM 00368/2016/TC/NYGE rusubirwamo. Urubanza rwasubiwemo, Urukiko rwemeza ko ikirego cya ACOADI Ltd kidafite ishingiro, kuko itatanze ibisobanuro n'ibimenyetso by'umwenda remezo iregera ungana na 88.071.023 Frw. Rwasobanuye ko ahubwo yatanze ibisobanuro n'ibimenyetso by'umwenda remezo ungana na 162.697.411 Frw, ariko ko utacibwaho urubanza kuko ari ikirego gishya.
- g) ACOADI Ltd yareze RAB mu Rukiko rw'Ubucuruzi iregera noneho umwenda ungana na 162.967.411Frw. Mu rubanza RCOM 00811/2022/TC rwaciwe ku wa 20/12/2022, Urukiko rwemeje ko ikirego kitakiriwe, kuko uwo yareze badafitanye amasezerano ashingiyeho umwenda uregerwa. [5] ACOADI Ltd yatanze ikindi kirego mu Rukiko rw'Ubucuruzi, ari nacyo kirebana n'uru rubanza, irega Leta y'u Rwanda (MINAGRI / LWH / RSSP) umwenda ungana na 162.697.411 Frw, ukumoka ku ifumbire yagemuye kuri site ya Gatsibo na Rwamagana ingana na 4.880,123 Kg muri saison A na B 2013. ACOADI Ltd yavuze ko itanze ikirego ishingiyeho ku rubanza RCOM 00363/2022/TC rwaciwe ku wa 13/05/2022, rwemeje ko umwenda ungana na 162.697.411 Frw uregerwa ukwawo, kuko uwo yari yaregeye mu rubanza RCOM 00368/2016/TC/NYGE yari yibeshye ku mibare. [6] Leta y'u Rwanda (MINAGRI / LWH / RSSP) yatanze inzitizi yo kutakira icyo kirego, kubera ko cyamaze kuburanishwa, ku kiburanwa kimwe, ababuranyi bamwe, kandi icyemezo kikaba cyarabaye itegeko. Isobanura ko uretse guhindura ingano y'umwenda, iki kirego ntaho gitandukaniye n'ibyo ACOADI Ltd yatanze kuwa muri 2016 kugeza ubu. Ivuga ko izo manza zose zaciwe n'Urukiko rw'Ubucuruzi zikaba zigize res judicata, bityo ikirego kikaba kidashobora kwakirwa ngo gisuzumwe mu mizi yacyo, hagendewe ku biteganywa n'ingingo ya 14 y'Itegeko N 22/2018 ryo ku wa 29/04/2018 ryerekeye imiburanishirize y'imanza

z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutgetsil.

- [7] Mu rubanza RCOM 01589/2022/TC rwaciwe ku wa 11/10/2023, Urukiko rwemeje ko inzitizi yo kutakira ikirego yatanzwe n'uruhande ruregwa ifite ishingiro, rwemeza ko ikiburanwa muri uru rubanza cyaburanyweho, kikaba kitakongera kuburanishwa bundi bushya.

1 Urubanza rwaciwe ku rwego rwa nyuma ntirushobora kongera kuburanishwa bundi bushya ku mpamvu zimwe no ku kiburanwa kimwe hagati y'ababuranyi bamwe baburana ikirego kimwe.

Page 5

- [8] ACOADI Ltd yajuriye mu Rukiko Rukuru rw'Ubucuruzi ivuga ko ikirego cyayo cyagombaga kwakirwa, kuko icyaregerwaga kitigeze kiburanishwa ngo gifatweho icyemezo, kandi ko Urukiko rwirengagije ko mu manza zose zabaye zijyanye n'iki kirego, nta na rimwe Urukiko rwinjiye mu mizi, ahubwo ari procédure yagendaga ipfa. [9] Mu rubanza RCOMA 00532/2023/HCC, rwaciwe ku wa 26/07/2024, Urukiko rwemeje ko ubujurire bwa ACOADI Ltd budafite ishingiro, kuko ikirego yashyikirije Urukiko rw'Ubucuruzi mu rubanza RCOM 01589/2022/TC rujuririrwa cyaburanishijwe no mu rubanza No RCOM 00368/2016/TC/NYGE ku mpamvu zimwe, ku kiburanwa kimwe, hagati y'ababuranyi bamwe baburana ikirego kimwe. [10] Urukiko rwashingiye ku mpamvu zikurikira: a) Mu rubanza RCOM 00368/2016/TC/NYGE rwaciwe n'Urukiko rw'Ubucuruzi ku wa 23/06/2016, no mu rubanza RCOM 01589/2022/TC rujuririrwa, ababuranyi ni bamwe kuko urega ari ACOADI Ltd, uregwa ari Leta y'u Rwanda/MINAGRI, kandi ikiburanwa muri izi manza zombi kikaba ari kimwe: kwishyura umwenda ukomoka ku ifumbire ACOADI Ltd ivuga ko yagemuriye MINAGRI, igasaba n'indishyi;
- b) Kuba mu rubanza RCOM 01589/2022/TC ACOADI Ltd iregera umwenda ungana na 162.697.411Frw, ntibivuga ko ikiburanwa gitandukanye n'icyo yaburanye mu rubanza RCOM 00368/2016/TC/NYGE, aho yavuze ko umwenda ungana na 88.071.023 Frw, kuko ingano y'umwenda itandukanye mu manza zombi ari agaciro k'ikiburanwa atari ikiburanwa. Icyo ACOADI Ltd yakozwe mu rubanza RCOM 01589/2022/TC, ni ukongera kubara ikagaragaza ko umwenda ari munini kurenza uwo yari yaregeye mu rubanza RCOM 00368/2016/TC/NYGE. [11] Nyuma y'icibwa ry'urwo rubanza, ACOADI Ltd yandikiye Perezida w'Urukiko rw'Ubujurire isaba ko urubanza RCOMA 00532/2023/HCC, rwaciwe n'Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi ku wa 26/07/2024, rwasubirwamo ku mpamvu z'akarengane. Perezida w'Urukiko rw'Ubujurire amaze gusuzuma ubwo busabe, yakoreye raporo Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga amusaba ko urwo rubanza rwasubirwamo, nawe amaze kuyisuzuma yemeza ko rugomba kongera kuburanishwa, rwandikwa kuri RS/INJUST/RCOM 00012/2024/SC. [12] ACOADI Ltd ivuga ko akarengane kayo gashingiye ku kuba inkiko zibanza zarirengagije ko umwenda ungana na 162.687.411 Frw ari ubwa mbere uregwe, kuko mu rubanza RCOM 00363/2022/TC, Urukiko rw'Ubucuruzi rwasobanuye ko habayeho kwitiranya imyenda ACOADI Ltd yareze Leta y'u Rwanda, uwa 88.071.023 Frw n'uwa 162.967.411 Frw. Uburanira Leta y'u Rwanda (MINAGRI/LWH/RSSP) avuga ko ikirego cya ACOADI Ltd kitagombaga kwakirwa ngo kiburanishwe, kuko ibyo yaregeye byaburanishijwe mu rundi rubanza rwabaye ndakuka. [13] Urubanza rwaburanishijwe mu ruhame ku wa 04/11/2025,

ACOADI Ltd ihagarariwe na Me Karenzi Jean Paul, naho Leta y'u Rwanda (MINAGRI/LWH/RSSP) iburanirwa na Me Mbonigaba Eulade, Urukiko rumenyesha ababuranyi ko ruzasomwa ku wa 12/12/2025. Uwo munsu ntirwabashije gusomwa, rwimurirwa ku wa 19/12/2025. [14] Ikibazo cyasuzumwe mu rubanza, ni ukumenya niba ikirego cya ACOADI Ltd kitaragombaga kwakirwa, bitewe n'uko ikiburanwa cyari cyaramaze gucibwaho urubanza ku

Page 6

rwego rwa nyuma, hagati y'abubanyi bamwe no ku mpamvu zimwe. Hasuzumwe kandi ishingiro ry'indishyi, amafaranga y'ikurikiranarubanza n'ay'igihembo cya Avoka, byasabwe n'ababuranyi. II. IBIBAZO BIGIZE URUBANZA N'ISESENGURWA RYABYO 1. Kumenya niba ikirego cya ACOADI Ltd kitaragombaga kwakirwa kuko ikiburanwa cyari cyaramaze gucibwaho urubanza ku rwego rwa nyuma hagati y'abubanyi bamwe no ku mpamvu zimwe [15] Uburanira ACOADI Ltd avuga ko akarengane yagiriwe gashingiye ku kuba Urukiko rw'Ubucuruzi n'Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi zarirengagije ko umwenda ungana na 162.697.411 Frw ari ubwa mbere wari uregewe, nyuma y'uko wemejwe mu rubanza RCOM 00363/2022/TC rwaciwe ku wa 13/05/2022, aho Urukiko rw'Ubucuruzi rwemeje ko urubanza RCOMAA 00026/2021/CA yatanze ari ikimenyetso ndakuka cyemeza ko MINAGRI na ACOADI Ltd bafitanye amasezerano. Avuga kandi ko urwo rubanza rwanagaragaje ko ibimenyetso ACOADI Ltd itanga ari ibyerekana ko umwenda utarishyurwa ungana na 162.697.411Frw, aho kuba 88.071.023Frw, kandi ko icyo cyemezo Leta y'u Rwanda (MINAGRI/LWH/RSSP) itakijuririyeye. [16] Avuga kandi ko umwenda utahinduriwe ingano, ko ikibazo cyabaye ari uko uwatanze ikirego mbere yibeshye mu mibare, akaregera 88.071.023Frw aho kuregera 162.697.411Frw. [17] Uburanira Leta y'u Rwanda (MINAGRI/LWH/RSSP) avuga ko ikirego cya ACOADI Ltd kitagombaga kwakirwa ngo kiburanishwe nk'uko n'Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi rwabibonye, kuko ibikubiye mu mikirize y'urubanza RCOM 00368/2016/TC/NYGE n'izakurikiyeho bigize icyitwa Res Judicata. Asobanura ko mu rubanza rusabirwa gusubirwamo ku mpamvu z'akarengane, yagaragarije Urukiko umurongo watanze n'Urukiko rw'Akarere ka Afurika y'Iburasirazuba (East African Court of Justice-EACJ)) ku ihame rya Res Judicata mu manza zitandukanye rwaciye, nk'urubanza No 3 of 2015 Steven Denis versus the Attorney General of Republic of Burundi and others, uwo murongo akaba ari uwo kutongera kuburanisha urubanza rwaciwe bwa nyuma ku baburanyi bamwe no ku kiburanwa kimwe. [18] Avuga ko urwo Rukiko rwongeye gushimangira uwo murongo mu rubanza No 1 of 2007 rwa James Katabazi and 21 others versus the Secretary General of EAC and the Attorney General of Uganda³³. Avuga ko ibyo kutakira ikirego ngo kiburanishwe kubera ko cyujuje ibigize res judicata, byagarutswaho muri Application No 4 of 2017 arising from reference No 10 of 2013 rwa Attorney General of Rwanda versus UTC, muri Application No 6 of 2022 Attorney General of

2 "Affirmative deference bearing the same parties from highlighting the second same law suit on the same claim or any other claim arising from the same transaction and that could have been, but was not raised in the earlier first suit. The three essential ingredients are: (1) an earlier decision on the issue (2) final judgement on the merits and

(3) the involvement of the same parties, or parties in privity with the original parties."

3 “Three situations appear to us to be essential for the doctrine to apply: “one, the matter must be directly or indirectly in issue’ two, parties must be the same or parties under whom any of them claim litigating under the same matter. Lastly, the matter was finally decided in the previous suit. All the three situations must be available for the doctrine of res-judicata to operate”

Page 7

Republic of Rwanda versus Kalali Steven arising from reference No 2 of 2019, Kalali Steven versus Attorney General of Republic of Rwanda. [19] Agaragaza ko kuba urega yaragaruye ikirego cyujuje ibisabwa ku birebana n’ihame rya res judicata, Urukiko rw’Ubucuruzi n’Urukiko Rukuru rw’Ubucuruzi zikemeza ko ikirego kitakiriwe zigendeye kuri uwo murongo, nyuma yo gusanga ikiburanwa ari kimwe n’icyaburanywe mu rubanza RCOM 00368/2016/TC/NYGE ndetse n’ababuranyi ari bamwe, nta karengane ACOADI Ltd yagiriwe. UKO URUKIKO RUBIBONA [20] Impaka ziri muri uru rubanza, zishingiye ku kumenya niba ibyo ACOADI Ltd yaregeye mu rubanza RCOM 01589/2022/TC rwaciwe n’Urukiko rw’Ubucuruzi ku wa 11/10/2023, ikabijuririra mu rubanza RCOMA 00532/2023/HCC rwaciwe n’Urukiko Rukuru rw’Ubucuruzi ku wa 26/07/2024, byari byaramaze kuburanwaho mu rundi rubanza rwaciwe ku rwego rwa nyuma ku kiburanwa kimwe, gishingiye ku mpamvu imwe, hagati y’ababuranyi bamwe, bikaba bitakongera kuburanishwa. [21] Ingingo ya 14 y’Itegeko N 22/2018 ryo ku wa 29/04/2018 ryerekeye imiburanishirize y’imanza z’imbenezamubano, iz’ubucuruzi, iz’umurimo n’iz’ubutegetsi nk’uko ryahinduwe, iteganya ko urubanza rwaciwe ku rwego rwa nyuma rudashobora kongera kuburanishwa bundi bushya ku mpamvu zimwe no ku kiburanwa kimwe hagati y’ababuranyi bamwe baburana ikirego kimwe. [22] Ingingo ya 82 y’Itegeko N 062/2024 ryo ku wa 20/06/2024 rigenga ibimenyetso nayo ivuga ku mbaraga z’icyemezo cyabaye ndakuka, igateganya ibi bikurikira:

- (1) icyemezo cyabaye ndakuka ntigisubirwamo kandi imbaraga zacyo zigarukira ku cyakiranuwe gusa.
- (2) Kugira ngo icyemezo kube ari ndakuka hagomba kuba hujujwe ibi bikurikira:
 - (a) Ikintu cyafashweho icyemezo kigomba kuba kimwe;
 - (b) Ikibazo kigomba kuba gishingiye ku mpamvu imwe;
 - (c) Ababuranyi cyangwa abafitanye ikibazo bagomba gukomeza kuba bamwe kandi bakaba basaba ikemurwa ryacyo mu bubasha bari basanganywe mbere. [23] Ibisabwa kuba byuzuye kugira ngo icyemezo kube ndakuka, ku buryo kitakongera gusubirwaho mu rundi rubanza, byagiye bisobanurwa n’abahanga mu mategeko. Abahanga Nathalie FRICERO na Pierre JULIEN, basobanura ko ku birebana no kuba ikiburanwa kigomba kuba kimwe, inkiko zigaragaza ko ibisabwa n’umuburanyi mu kirego gishya bigomba

4 Ni ikiburanwa n’ubwo Itegeko ryakoresheje ijamba icyafashweho icyemezo.

Page 8

kugereranywa n'ibyafashweho icyemezo mbere, ni ukuvuga ibyo ababuranyi bagiyeho impaka, bigafatwaho umwanzuro mu cyemezo cy'urukiko⁵. [24] Ku bijyanye no kuba ababuranyi bagomba kuba bamwe, abahanga bamaze kuvugwa basobanura ko ababuranyi bagomba kuba bagaruka mu mazina yabo cyangwa y'abo bahagarariye. Kuba ababuranyi ari bamwe bireba umwirondoro wabo, n'ububasha bafite⁶. [25] Abahanga Serge GUINCHARD, Frédérique FERRAND, Cécile CHAINAIS na Lucie MAYER nabo basobanura ko bifatwa ko ikiburanwa ari kimwe, iyo ikirego cya mbere n'icya kabiri bigamije ikintu kimwe mu rwego rw'ubukungu cyangwa rw'imibereho. Iyo ikirego kirebana n'ikintu gifatika, kuba ikiburanwa ari kimwe bireberwa ku kintu ubwacyo gisabwa no ku burenganzira urega asaba kukigiraho. Umuburanyi agomba kuba akurikiranye uburenganzira bumwe ku kintu kimwe⁷. Urugero rwatangwa, ni nko kuba umuburanyi yari yaregeye guhabwa ikibanza gifite UPI: X agatsindwa, akongera akaregera gusubizwa ubutaka bufite UPI: X. Muri uru rugero, ikintu kiregerwa ni kimwe, n'uburenganzira urega agikurikiranyeho ni bumwe, bitandukanye no kuba mu kirego cya kabiri yasabaga kugabana ubwo butaka. [26] Ku bijyanye no kuba ikibazo kigomba kuba gishingiye ku mpamvu imwe, aba bahanga bahereye ku rubanza rwaciye n'Urukiko Rusesa imanza rwo mu Bufaransa⁸, basobanura ko umuburanyi atemerewe kongera kuregera Urukiko agamije ibintu bimwe, ashingiye ku ngingo y'amategeko atari yaburanishije mu kindi kirego cyafashweho icyemezo. Basobanura kandi ko ikibazo kiba gishingiye ku mpamvu zimwe, iyo hari ibirego bikurikirana byashyikirijwe Urukiko rumwe bigamije ikintu kimwe, bifite ikiburanwa kimwe, bitandukanyijwe gusa n'ingingo y'amategeko yaburanishijwe. Ni ngombwa rero ko urega agaragaza, agitangira urubanza rwa mbere, ingingo zose abona ko zashyigikira ikirego cye. Bavuga ko Urukiko rwafashe impamvu imwe nk'ishingiye ku bintu byose bigize imiterere y'ikibazo umucamanza yashyikirijwe⁹; hakaba

5 “L'identité de chose demandée pose problème. La jurisprudence considère que la nouvelle prétention doit être comparée à ce qui a été jugé précédemment, c'est-à-dire débattu par les parties et décidé dans le dispositif du jugement”; Nathalie FRICERO et Pierre JULIEN, Procédure Civile, 5ème éd., LGDJ, 2014, p. 329.

6 “L'identité des parties intéresse les parties ayant figuré en nom dans la procédure et les personnes qu'elles représentent (leurs ayant cause, comme leurs héritiers). Elle vise l'identité civile des intéressés, ainsi que la qualité invoquée (c'est-à-dire le titre juridique en vertu duquel les parties agissent: par ex. une même personne peut agir comme représentant d'un incapable, puis former une demande à titre personnel), *ibidem* p. 329.

7 “Il faut encore, pour que soit mise en oeuvre la fin de non-recevoir tirée de l'autorité de la chose jugée, qu'il y ait identité d'objet, au sens procédural de ce terme, même si le code parle de chose demandée [...]. Il faut donc que la demande vise un résultat économique ou social identique à la première demande. Et lorsque cette demande porte sur une chose, la jurisprudence impose une identité portant à la fois sur la matérialité de la chose demandée et sur la nature du droit réclamé sur cette chose; si l'une ou l'autre change, il n'y a pas autorité de chose jugée. Pour que elle- ci opère, il faut que le demandeur réclame le même droit sur une demande matériellement

identique. Il faut aussi que l'objet de la demande ait déjà été effectivement jugé [...]"; Serge GUINCHARD, Frédérique FERRAND, Cécile CHAINAIS et Lucie MAYER, Procédure civile, 34ème éd., Dalloz, 2018, p.119.

8 Cass. Ass. Plén., 7 Juill. 2006.

9 "[...] Elle (La Cour de Cassation) considère qu'un justiciable n'est pas recevable, après une première décision dans un litige le concernant, à saisir le tribunal à nouveau aux mêmes fins, en invoquant un fondement juridique différent [...]. Selon la cour, il y a identité de cause lorsque les demandes successives auprès du même tribunal tendent aux mêmes fins, ont le même objet et que seule diffère le moyen juridique invoqué. Dès lors, il incombe au demandeur

Page 9

harabayeho gusubira ku murongo wari usanzweho, kuko mbere Urukiko rwafataga impamvu imwe nk'ishingiye ku miterere y'ikibazo ababuranyi bahaye inyito mu rwego rw'amategoko, urubanza rutangira¹⁰. [27] Ku bijyanye no kuba ababuranyi bagomba kuba bamwe, abahanga Serge GUINCHARD, Frédérique FERRAND, Cécile CHAINAIS na Lucie MAYER basobanura ko imbaraga z'urubanza rwabaye ndakuka zigarukira gusa ku barubayemo ababuranyi barega, baregwa, bagobotse cyangwa bagobokeshejwe, abazungura babo n'abo bahagarariye mu rubanza. Urukiko rugomba gusuzuma niba umuntu utarabaye mu mihango y'urubanza nk'umuburanyi, yararuhagarariwemo n'ubarubayemo umuburanyi¹¹. [28] Abandi bahanga mu mategeko bayobowe na Serge GUINCHARD, basobanura ko kugira ngo umuburanyi asabe ko ikirego kitakirwa ashingiye ku kuba ikiburanwa ari kimwe, gishingiye ku mpamvu zimwe, cyaramaze gufatwaho icyemezo mu rubanza rwabaye ndakuka, hagati y'ababuranyi bamwe, ibintu bitatu biteganywa n'ingingo ya 1355¹² y'igitabo cy'urwunge rw'amategoko mbonezamubano y'Ubufaransa bigomba kuba byuzuye icyarimwe. Abacamanza bashyikirijwe ikirego gishya bagomba kugaragaza ko ibyo bintu uko ari bitatu byuzuye cyangwa bituzuye kugira ngo bemere cyangwa ntibemere inzitizi yo kutakira ikirego¹³. [29] Aba bahanga basobanura kandi ko ku birebana n'ishyirwa mu bikorwa ry'ihame ry'uko urubanza rwaciye ku rwego rwa nyuma rudashobora kongera kuburanishwa bundi bushya, ku

de présenter dès l'instance relative à la première demande l'ensemble des moyens qu'il estime de nature à fonder cette demande. La Cour retient ainsi une acception purement factuelle de la cause du jugement, entendue comme l'ensemble des faits soumis au juge; ibidem, p.120.

10 "Il s'agit là d'un revirement de jurisprudence puisque la Cour de Cassation a pendant longtemps opté pour une lecture souple de l'article 1351 du Code civil en considérant que le demandeur à la deuxième instance ne devait pas, dans ce cas se voir opposer une fin de non-recevoir [...]. La cour de Cassation considèrerait, en effet, que la cause du jugement était consitué par les faits juridiquement qualifiés par les parties, soumis au juge lors de la première instance. Elle retenait donc une conception non purement factuelle, mais juridico-factuelle de la cause"; ibidem. (L'article 1351 du Code civil en vigueur jusqu'au 1/10/2016 est ainsi libellé: "L'autorité de la chose jugée n'a lieu qu'à l'égard de ce qui a fait l'objet du jugement. Il faut que la chose

demandée soit la même; que la demande soit fondée sur la même cause; que la demande soit entre les mêmes parties, et formée par elles et contre elles en la même qualité”).

11 “Le jugement n’a pas autorité à l’égard de ceux qui n’étaient pas parties au procès- demandeurs, défendeurs, intervenants, auxquels on assimile les ayants cause universels et à titre universel [...]. En outre, le Code civil exige une identité de qualité processuelle. Cela impliquera d’identifier les situations techniques de représentation, pour savoir si une personne qui n’avait pas la qualité processuelle de partie a été représentée par un plaideur ou est restée un véritable tiers”; *ibidem*, p.118.

12 Iyi ngingo yasimbuye iya 1351 kuwa ku wa 01/10/2016, ariko zanditse kimwe. Zanditse kimwe kandi n’ingingo ya 82 y’Itegeko No 062/2024 ryo ku wa 20/06/2024 rigenga ibimenyetso.

13 “Pour que l’intéressé puisse opposer à la nouvelle demande la fin de non-recevoir tirée de l’autorité de la chose jugée, les trois éléments prévus par l’article 1355 C. civ. doivent être cumulativement réunis: si l’un d’entre eux est modifié, la demande pourra faire l’objet d’un jugement. Les juges saisis de la nouvelle demande sont dans l’obligation de constater l’existence ou l’absence de ces trois éléments pour admettre ou rejeter la fin de non- recevoir [...]”; Sous la direction de Serge GUINCHARD, *Droit et Pratique de la Procédure Civile – Droit interne et Européen*, 10ème édition, Dalloz, 2020, p.1689.

Page 10

mpamvu zimwe no ku kiburanwa kimwe hagati y’ababuranyi bamwe, abazungura b’ababuranyi bafatwa kimwe nabo¹⁴. Banavuga ko iyo umuburanyi ahaye umuntu ububasha bwo kumuhagararira mu gutanga ikirego, ingaruka z’urubanza zigera k’uhagarariwe, akaba adashobora kuruburana bwa kabiri¹⁵. [30] Aba bahanga basobanura nanone ko igisubizo ari kimwe n’igihe umwana utarageza ku myaka y’ubukure cyangwa umuntu mukuru udafite ubushobozi, bahagarariwe; ndetse n’igihe umwe mu bashyingiranywe yemerewe n’Urukiko guhagararira undi. icyo gihe, abahagarariwe barebwa n’ihame ry’uko urubanza rwaciye ku rwego rwa nyuma rudashobora kongera kuburanishwa bundi bushya, ku mpamvu zimwe no ku kiburanwa kimwe hagati y’ababuranyi bamwe. Bongeraho ko ibi binareba umwe mu bashyingiranywe nk’ushinzwe gucunga umutungo uhuriweho; igihe hari icyemezo yafatiwe n’Urukiko kirebana n’uwo mutungo, icyo cyemezo kiba ari ndakuka no ku wo bashakanye¹⁶. [31] Abahanga mu mategeko bayobowe na Serge GUINCHARD banatanga igisobanuro ku bijyanye no kuba abafitanye ikibazo bagomba kuba basaba ikemurwa ryacyo mu bubasha bari basanganywe mbere. Bagaragaza ko kuvuga ko ababuranyi bagira icyo basaba mu bubasha bari basanganywe mbere, bisobanuye kugira ububasha bumwe bahabwa n’itegeko, bashingiraho barega. Batanga urugero rw’uko umuntu waburanye umutungo nka nyirawo ashingiye ku nyandiko iwumuheshaho uburenganzira, atakongera gutangiza rwa rubanza ashingiye kuri iyo nyandiko. Nyamara ariko, mu gihe yabanje kurega nk’uhagarariye sosiyete ifite ubuzima gatozi, akongera akarega ku giti cye, ikirego cye gishobora kwakirwa. Ni nako bigenda iyo umuntu yabanje kurega nk’umwishingizi, nyuma akarega ku giti cye¹⁷. [32] Ku bijyanye no kuba ikibazo kigomba kuba gishingiye ku mpamvu imwe, aba bahanga bavuga ko impamvu y’ikirego ari ibintu byose bigize

imiterere y'ikibazo, byari biriho igihe cyo kugitanga. Igihe ibyo bitahindutse, ihame ry'uko urubanza rwaciwe ku rwego rwa nyuma rudashobora kongera kuburanishwa bundi bushya, ku mpamvu zimwe no ku kiburanwa kimwe

14 “Pour l'application de l'autorité de la chose jugée, on assimile aux parties les ayants cause universels et à titre universel: les jugements rendus à l'encontre ou au profit de leur auteur ont autorité à leur égard; ibidem, p.1690.

15 “Lorsqu'une partie donne mandat conventionnel à une personne de la représenter dans l'exercice de l'action (mandat ad agendum), les effets du jugement se produisent en la personne du représenté, conformément à la technique de la représentation. En conséquence, le jugement a autorité de la chose jugée à l'égard du représenté”; Ibidem p.1690-1691.

16 Ibidem, p.1691.

17 “L'identité de qualité est l'identité de titre juridique en vertu duquel la partie agit en justice. Ainsi, lorsqu'une personne a agi en qualité de propriétaire dans l'instruction ayant donné lieu au jugement, elle ne peut pas renouveler sa demande en se fondant à nouveau sur son titre de propriété. En revanche, si une partie agit d'abord comme représentant d'une personne morale puis forme une demande à titre personnel ou, à l'inverse, agit à titre personnel puis comme représentant d'une personne morale, la différence de qualité rend la seconde demande recevable. Il en est de même lorsqu'une personne agit comme tuteur, puis en son nom personnel”; ibidem p.1691.

Page 11

hagati y'ababuranyi bamwe ribuzwa ko icyo kirego cyongera gutangwa, n'iyi cyaba gishingiye ku yindi ngingo y'amategako¹⁸. [33] Ku bijyanye no kuba imbaraga z'icyemezo cyabaye ndakuka zigarukira ku cyakiranuwe gusa, mu rubanza rwaciwe n'Urukiko Rusesa imanza rwo mu Bufaransa, urwo Rukiko rwasobanuye ko bijyana n'icyakiranuwe kigaragazwa mu gice kirebana n'icyemezo cy'Urukiko¹⁹. [34] Mu ngingo z'amategako zavuzwe haruguru, no mu bisobanuro abahanga batanze ku bizivugwamo, humvikanamo iby'ingenzi bikurikira:

- a. Ihame ni uko icyemezo cyabaye ndakuka kidashobora gusubirwamo (autorité de la chose jugée/res judicata), kandi imbaraga zacyo zigarukira ku cyakiranuwe gusa. Icyakiranuwe kigaragazwa mu gice kirebana n'icyemezo cy'Urukiko (dispositif);
- b. Kugira ngo icyemezo gifatwe ko cyabaye ndakuka ku buryo kidashobora gusubirwamo, hagomba kuba huzuye icyarimwe (cumulativement) ibintu bitatu ari byo: kuba ikiburanwa ari kimwe n'icyongeye kuregerwa; gishingiye ku mpamvu imwe; ababuranyi bakaba ari bamwe kandi mu bubasha bari basanganywe mbere;

- c. Ikiburanwa kiba ari kimwe, iyo ikirego cya mbere n'icya kabiri bigamije gusaba ikintu kimwe. Ibisabwa n'umuburanyi mu kirego gishya bigomba kugereranywa n'ibyafashweho icyemezo mbere, ni ukuvuga ibyo ababuranyi bagiyeho impaka, bigafatwaho umwanzuro mu cyemezo cy'urukiko;
- d. Iyo ikirego kirebana n'ikintu gifatika, kuba ikiburanwa ari kimwe bireberwa ku kintu ubwacyo gisabwa, no ku burenganzira urega asaba kukigiraho. Umuburanyi agomba kuba akurikiranye uburenganzira bumwe ku kintu kimwe (hafashwe urugero rw'ikibanza, uburenganzira urega asaba kukigiraho bukaba ari ukugihabwa, bitandukanye no kuba yasaba kukigabana);
- e. Impamvu imwe ishingira ku bintu byose bigize imiterere y'ikibazo umucamanza yashyikirijwe;
- f. Umuburanyi ntiyemerewe kongera kuregera Urukiko agamije ibintu bimwe, arega umuntu umwe, aregera ikintu kimwe, ashingiye ku ngingo y'amategeko atari yaburanishije mu kindi kirego cyafashweho icyemezo;
- g. Ababuranyi baba ari bamwe, iyo bagaruka mu mazina yabo cyangwa y'abo bahagarariye. Kuba ababuranyi ari bamwe bireba umwirondoro wabo, n'ububasha bafite;
- h. Imbaraga z'urubanza rwabaye ndakuka zigarukira gusa ku barubayemo ababuranyi barega, baregwa, bagobotse cyangwa bagobokeshejwe, abazungura babo n'abo bahagarariye mu rubanza;

18 “La cause de la demande est donc l'ensemble des faits existants lors de la formation de la demande. Si ces faits demeurent identiques, l'autorité de la chose jugée s'oppose à tout autre demande, même fondée sur un autre moyen de droit”; Ibidem p. 1692.

19 “[...] L'autorité de la chose jugée s'attache au dispositif de la décision juridictionnelle qui tranche tout ou partie du principal [...]”; Cour de Cassation, Civile, Chambre Civile 3, 16 Avril 2013, 12- 680,

Page 12

- i. Abazungura b'ababuranyi, kimwe n'abahagarariye ababuranyi mu rubanza, bafatwa kimwe nabo;
- j. Kuba abafitanye ikibazo bagomba kuba basaba ikemurwa ryacyo mu bubasha bari basanganywe mbere, bisobanuye kugira ububasha bumwe bahabwa n'itegeko, bashingiraho barega. (Urugero: umuntu waburanye umutungo nka nyirawo ntashobora kongera kuwuregera nka nyirawo, ariko ashobora kuwuregera nk'uhagarariye sosiyete ifite ubuzima gatozi). [35] Ku bijyanye n'uru rubanza, Urukiko rurasuzuma niba ibintu bitatu byagaragajwe haruguru, bigomba kuba byuzuye icyarimwe kugira ngo icyemezo gifatwe ko cyabaye ndakuka ku buryo kidashobora gusubirwamo, byari byuzuye; bityo rushobore kugaragaza niba ikirego ACOADI Ltd yatanze mu rubanza RCOM 01589/2022/TC rwaciwe n'Urukiko

rw'Ubucuruzi ku wa 11/10/2023, ikajurira mu rubanza RCOMA 00532/2023/HCC rwaciwe n'Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi ku wa 26/07/2024, kitaragombaga kwakirwa.

✓ Ku birebana no kuba ikiburanwa kigomba kuba kimwe [36] Mu rubanza RCOM 00368/2016/TC/NYGE rwaciwe n'Urukiko rw'Ubucuruzi ku wa 26/03/2016, ACOADI Ltd yaregeraga kwishyurwa amafaranga y'ifumbire yashyikirije umushinga LWH/RSSP-MINAGRI, isaba Urukiko gutegeka MINAGRI kuyishyura 88.071.023 Frw itishyuwe n'inyungu zayo za 19%, ndetse n'igihano gihatira kwishyura kingana na 10% ku kwezi. [37] Nyuma yo gutsindwa kubera kubura ibimenyetso, ACOADI Ltd yasubirishijemo uru rubanza ingingo nshya inshuro ebyiri, ubwa mbere ikirego nticyakirwa, ubwa kabiri kirakirwa mu rubanza RCOM 00363/2022/TC rwaciwe n'Urukiko rw'Ubucuruzi ku wa 13/05/2022. Muri uru rubanza, Urukiko rwemeje ko ikirego cya ACOADI LTD kidafite ishingiro, "kuko itatanze ibisobanuro n'ibimenyetso by'umwenda remezo ungana na 88.071.023 Frw [...], ahubwo ko yatanze ibisobanuro n'ibimenyetso by'umwenda remezo ungana na 162.697.411 Frw, iki kikaba ikirego gishya itanze bwa mbere [...]". [38] Mu rubanza RCOM 01589/2022/TC rwaciwe n'Urukiko rw'Ubucuruzi ku wa 11/10/2023, rukajuririrwa kuri RCOMA 00532/2023/HCC, ACOADI Ltd yaregeye noneho umwenda ungana na 162.697.411Frw, ukomoka ku ifumbire yagemuriye MINAGRI, n'indishyi zinyuranye. Isobanura ikirego cyayo, ACOADI Ltd yavuze ko iregera aya mafaranga, kuko ayo yari yaregeye mbere mu rubanza RCOM 00368/2016/TC/NYGE rwaciwe ku wa 23/06/2016 yari yibeshye ku mibare. Ibi bisobanuro bihura n'ibyo yatanze mu myanzuro yashyikirije uru Rukiko, ikabishimangira mu nama ntegururubanza, ivuga ko yishyuwe 120.541.123 Frw hagasigara 162.697.411 Frw, ari nayo yaregeye mu rubanza RCOM 00368/2016/TC/NYGE; ariko ko uwatanze ikirego yibeshye mu mibare akaregera 88.071.023 Frw. [39] Urukiko rusanga icyumvikana muri ibi bisobanuro bya ACOADI Ltd, ari uko umwenda ungana na 88.071.023 Frw yaregeye mu rubanza RCOM 00368/2016/TC/NYGE rwaciwe n'Urukiko rw'Ubucuruzi ku wa 23/06/2016, ugafatwaho icyemezo ndakuka mu rubanza No RCOM 00363/2022/TC rwaciwe n'urwo Rukiko ku wa 13/05/2022, ari igice cya 162.697.411 Frw yaregewe mu rubanza RCOM 01589/2022/TC rwaciwe n'Urukiko rw'Ubucuruzi ku wa 11/10/2023, rukemezwa n'urubanza RCOMA 00532/2023/HCC rwaciwe n'Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi ku wa 26/07/2024, ari na rwo rwaregawe mu rwego rw'akarengane.

Page 13

[40] Kuba umwenda ungana na 88.071.023 Frw ACOADI Ltd yasabaga kwishyurwa mu rubanza RCOM 00368/2016/TC/NYGE rwaciwe n'Urukiko rw'Ubucuruzi ku wa 23/06/2016 akawutsindirwa, yarongeye gusaba kuwishyurwa kuko atawuvanye mu mubare w'amafaranga yaregeye mu kirego yatanze nyuma, Urukiko rurasanga icyasabwe mu rubanza RCOM 01589/2022/TC rwaciwe n'Urukiko rw'Ubucuruzi ku wa 11/10/2023 (rwemejwe n'urubanza No RCOMA 00532/2023/HCC rwaciwe ku rwego rw'ubujurire n'Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi ku wa 26/07/2024), ari kimwe n'icyari cyaramaze kuburanwaho mu rundi rubanza rwabaye ndakuka.

✓ Ku birebana no kuba ikibazo kigomba kuba gishingiye ku mpamvu imwe [41] Mu rubanza RCOM 00368/2016/TC/NYGE rwaciwe n'Urukiko rw'Ubucuruzi ku wa 23/06/2016 (rwasubirishijwemo ingingo nshya mu rubanza RCOM 00363/2022/TC rwaciwe n'Urukiko rw'Ubucuruzi ku wa 13/05/2022 ntiruhinduke), ACOADI Ltd yashingiraga ikirego cyayo ku mwenda ivuga ko itishyuwe, ukomoka ku isoko yapiganiwe ryo kugemura ifumbire mu buryo bwa Open Tender, hanyuma umushinga Single Project Implementation UNIT/ LWH/ RSSP ugahitamo kuyiha iryo soko mu buryo bwa Community Procurement, igomba kugemura toni 4.880,123 z'ifumbire kuri site ya Gatsibo n'ya Rwamagana, muri saison A na B 2013. [42] Mu rubanza RCOM 01589/2022/TC rwaciwe n'Urukiko rw'Ubucuruzi ku wa 11/10/2023 (rwemejwe n'urubanza RCOMA 00532/2023/HCC rwaciwe ku rwego rw'ubujurire n'Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi ku wa 26/07/2024), ACOADI Ltd yashingiye nanone ikirego cyayo ku mwenda ukomoka ku isoko ryo kugemura toni 4.880,123 z'ifumbire kuri site ya GATSIBO na RWAMAGANA muri saison A na B 2013, ivuga ko ryatanze na MINAGRI binyuze mu mushinga Single Project Implementation UNIT/ LWH/ RSSP. [43] Hashingiwe ku bimaze kugaragazwa, Urukiko rurasanga ibigize imiterere y'ikibazo cyashyikirijwe umucamanza mu birego byombi byatanze na ACOADI Ltd, ari bimwe. Rukaba rusanga rero, ikiburanwa muri ibyo birego byombi gishingiye ku mpamvu imwe. ✓ Ku birebana no kuba ababuranyi bagomba kuba bamwe [44] Mu rubanza RCOM 00368/2016/TC/NYGE rwaciwe n'Urukiko rw'Ubucuruzi ku wa 23/06/2016 (rwasubirishijwemo ingingo nshya mu rubanza RCOM 00363/2022/TC rwaciwe n'Urukiko rw'Ubucuruzi ku wa 13/05/2022), ACOADI Ltd yaregaga Leta y'u Rwanda/Minisiteri y'Ubuhinzi n'Ubworozi. [45] Mu rubanza RCOM 01589/2022/TC rwaciwe n'Urukiko rw'Ubucuruzi ku wa 11/10/2023 (rwemejwe n'urubanza RCOMA 00532/2023/HCC rwaciwe ku rwego rw'ubujurire n'Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi ku wa 26/07/2024), ACOADI Ltd yaregaga Leta y'u Rwanda/MINAGRI LWH RSSP. [46] Urukiko rusanga, haba mu kirego cya mbere, haba no mu kirego cya kabiri, ababuranyi ari ACOADI Ltd na Leta y'u Rwanda by'umwihariko Minisiteri y'Ubuhinzi n'Ubworozi, kandi bakaba bararegaga cyangwa baregwa mu bubasha bumwe. Kuba mu kirego cya kabiri harakoreshejwe amagambo mpine (abréviation) akoreshejwe mu kuvuga iyi Minisiteri, ndetse hakongerwaho amagambo mpine y'umushinga w'iyi Minisiteri warebwaga n'isoko, ntacyo bihindura ku mwirondoro n'ububasha by'uregwa.

Page 14

- [47] Hashingiwe ku bisobanuro bimaze gutangwa, Urukiko rurasanga ababuranyi mu birego byombi byatanze na ACOADI Ltd ari bamwe. ✓Umwanzuro rusange
- [48] Urukiko rurasanga mu kirego ACOADI Ltd yatanze mbere mu rubanza RCOM 00368/2016/TC/NYGE rwaciwe n'Urukiko rw'Ubucuruzi ku wa 23/06/2016 hagafatwa icyemezo cyabaye ndakuka, no mu kirego yongeye gutanga mu rubanza RCOM 01589/2022/TC rwaciwe n'Urukiko rw'Ubucuruzi ku wa 11/10/2023, ikiburanwa cyari kimwe, gishingiye ku mpamvu imwe, n'ababuranyi ari bamwe. [49] Hashingiwe ku ngingo z'amategako zagaragajwe, no ku bisobanuro byose byatanze, Urukiko rurasanga ikirego ACOADI Ltd yatanze mu rubanza RCOM 01589/2022/TC rwaciwe n'Urukiko rw'Ubucuruzi ku wa 11/10/2023, kitaragombaga kwakirwa. 2.Kumenya ishingiro ry'indishyi, amafaranga y'ikurikiranarubanza n'ay'igihembo cya Avoka [50] Uburanira ACOADI Ltd avuga ko mu manza esheshatu (6) imaze

gusiragiramo, Leta y'u Rwanda (MINAGRI/LWH/RSSP) yagiye yirengagiza ko bafitanye amasezerano ikazana inzitizi zituma itsindwa, ikaba ari yo mpamvu iyisaba indishyi zingana na 1.500.000Frw kuri buri rubanza, yose akaba 9.000.000Frw. Isaba gusubizwa 1.000.000Frw yaguze inyandiko mu Bushinjacyaha kugira ngo izikoreshe nk'ibimenyetso, urupapuro rumwe irugura 1.000 Frw. Isaba kandi guhabwa igihembo cya Avoka kingana na 1.000.000Frw kuri buri rubanza, bivuze 6.000.000 Frw ku manza zose uko ari 6 kuko yagiye iburana yunganiwe. [51] Uburanira Leta y'u Rwanda (MINAGRI/LWH/RSSP) avuga ko indishyi zisabwa n'urega atazikwiye kuko ntacyo zaba zishingiyeho, ko ahubwo zahabwa uregwa kuko yakomeje gukururwa mu manza ku maherere. Avuga ko basaba 500.000 Frw y'igihembo cya Avoka kuri buri rubanza, bivuze 3.000.000 Frw ku manza 6 yaburanye, na 300.000 Frw y'ikurikiranarubanza kuri buri rubanza, bivuze 1.800.000 Frw ku manza 6, yose hamwe akaba 4.800.000 Frw. UKO URUKIKO RUBIBONA [52] Ingingo ya 111 y'Itegeko N 22/2018 ryo ku wa 29/04/2018 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsu nk'uko ryahinduwe, iteganya mu gika cyayo cya mbere ko ikirego cy'amafaranga y'ikurikiranarubanza ari ikirego gishamikira ku kirego cy'iremezo kigamije kwishyuza ibyakoreshejwe mu rubanza. [53] Ku bijyanye n'amafaranga y'ikurikiranarubanza n'ay'igihembo cya Avoka bisabwa na Leta y'u Rwanda (MINAGRI/LWH/RSSP), mu rubanza RAD 00001/2019/SC rwaciwe n'Urukiko rw'Ikirenga ku wa 31/05/2019 haburana Kabango Antoine na Leta y'u Rwanda²⁰, ikibazo gisa n'iki

20 Urubanza RAD 00001/2019/SC rwaciwe n'Urukiko rw'Ikirenga ku wa 31/05/2019, haburana Kabango Antoine na Leta y'u Rwanda, igika cya 29.

Page 15

cyarasuzumwe. Muri urwo rubanza, Urukiko rwasobanuye ko nta kigaragaza ko hari icyo Leta y'u Rwanda yaba yaratakaje ikurikirana urubanza ku buryo yabiharerwa indishyi, cyane ko iburanirwa n'abakozi bahemberwa ako kazi, kandi bakagenerwa n'ibindi bituma bagakora. Hashingiwe kuri uyu murongo, Urukiko rurasanga ibyo Leta y'u Rwanda (MINAGRI/LWH/RSSP) isaba itabigenerwa. [54] Urukiko rurasanga indishyi n'amafaranga y'igihembo cya Avoka ACOADI Ltd isaba itabihabwa, kuko ntacyo itsindiye muri uru rubanza. III. ICYEMEZO CY'URUKIKO [55] Rwemeje ko ikirego rwashyikirijwe na ACOADI Ltd cyo gusubirishamo ku mpamvu z'akarengane urubanza RCOMA 00532/2023/HCC rwaciwe n'Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi ku wa 26/07/2024, nta shingiro gifite; [56] Rwemeje ko imikirize y'urubanza RCOMA 00532/2023/HCC rwaciwe n'Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi ku wa 26/07/2024, idahindutse; [57] Rwemeje ko inzitizi yo kutakira ikirego yatanzwe na Leta y'u Rwanda (MINAGRI/LWH/RSSP), ifite ishingiro.

Source & reproduction note

Judgment wording, source notices and original paragraph numbers are retained. Esheria supplies the layout and this PDF's page numbers; these are not the source pagination. This is a research copy, not an official or certified court document. Check quotations, citations and publication restrictions against the original source before relying on it.

ORIGINAL SOURCE <https://www.amategeko.gov.rw/view/doc/10491/11047>

CASE PAGE <https://chat.esheria.ai/case-law/rwanda/acoadi-ltd-v-leta-yu-rwanda-minagrilwhrssp-resjudicata-supreme-court-2025>

Prepared on 9 October 2026 · Esheria